IHURIRO NYUNGURANABITEKEREZO RY 'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA
FORUM DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES AU RWANDA
CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANISATIONS IN RWANDA
BP 7459 Kigali / RWANDA,Tél.(250)583089 E-mail : forumfp@rwanda1.com

RAPORO Y'IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2005

Kigali Ukuboza, 2005

IRIBURIRO

Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki mu Rwanda ni urubuga imitwe ya politiki yemewe ihuriramo ikungurana inama, ikanaganira ku bibazo biremereye Igihugu. Ryemejwe n'Itegeko Nshinga ryo ku wa 04 Kamena 2003 (ingingo ya 56), rishimangirwa n'Itegeko ngenga N° 16/2003 ryo ku wa 27/6/2003 rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki mu Rwanda.

Inshingano nkuru z'Ihuriro ni:

1. Gutuma imitwe ya politiki yungurana ibitekerezo ku bibazo biremereye Igihugu;
2. Gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda;
3. Gutanga inama kuri politiki y'Igihugu;
4. Kuba umuhuza mu bibazo bivutse hagati y'imitwe ya politiki;
5. Gufasha gukemura ibibazo bivutse mu mutwe wa politiki, iyo ubisabye

Kugeza ubu Ihuriro rigizwe n'Imitwe ya politiki 9 yemewe mu Rwanda:

1. Umuryango **FPR-INKOTANYI**

2. Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri Muntu-**P.L**

3. Union Démocratique du Peuple Rwandais-**U.D.P.R**

4. Ishyaka Ntangarugero muri Demokarasi-**P.D.I**

5. Ishyaka riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage-**P.S.D**

6. Ishyaka ry'Iterambere n'Ubusabane-**P.P.C**

7. Ishyaka Riharanira Demokarasi Ihuza Abanyarwanda-**P.D.C**

8. Ishyaka ry'Abakozi mu Rwanda-**P.S.R**

9. Ishyaka ry'Ubwisungane bugamije Uburumbuke-**P.S.P**

Inzego z'Ihuriro

Ihuriro rigizwe n'inzego eshatu z'ingenzi:

i. **Inama Rusange**, igizwe n'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro; buri mutwe ugena abantu bane 4; babiri (2) muribo bagomba kuba ari igitsina gore ;

ii. **Urwego rw'ubuvugizi**, rugizwe n'Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije ;

iii. **Ubunyamabanga Nshingwabikorwa**, bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abakozi bamwunganira

Muri uyu mwaka w'i 2005, Ihuriro ryari ryateganyije gukora ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- Kwagura no gutunganya imikorere y'Ihuriro nk'urubuga nyunguranabitekerezo ruhoraho, ku bibazo politiki na gahunda by'Igihugu;
- Kugena no gutegura ibiganiro nkangurambaga mu rwego rw'Igihugu, mu bya politiki ishingiye ku mashyaka menshi n'ubwumvikane busesuye;
- Gutegura uburyo Imitwe ya Politiki yitabira ibikorwa rusange by'ubukangurambaga n'ubufatanye mu rwego rw'Igihugu;
- Gukomeza no kunoza gahunda y'amahugurwa mu bya politiki;
- Gutegura ingendoshuri hagati mu gihugu no hanze;
- Gushyiraho agashami k'ikusanya nyandiko n'iherererekanya makuru;
- Gushyiraho ubujyanama buhoraho mu ngeri z'imikorere y'ibanze y'imitwe ya politiki (ubujyanama mu by'amategeko mu icungamutungo n'ibindi);
- Kongera ubushobozi, uburyo n'ingamba zo gukumira no gucyemura amakimbirane mu mitwe ya politiki.

Iyi Raporo ya 2005 igizwe n'ibice 2 bikuru:

A/ Raporo y' ibikorwa
B/ Raporo y'imikoreshereje y'imari

A. RAPORO Y'IBYAKOZWE

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
1. Kwagura no gutunganya imikorere y'Ihuriro nk'urubuga nyungurana-bitekerezo ruhoraho ku bibazo, politiki na gahunda by'Igihugu. **<u>INAMA Z'INZEGO</u>**	Muri uyu mwaka wa 2005, uretse inama zisanzwe z'Inzego z'Ihuriro, hanabaye n'inama z'ibiganiro no kungurana ibitekerezo kuri politiki na gahunda zinyuranye z'Igihugu. ▪ ***<u>Inama Rusange yo ku wa 18 Gashyantare 2005</u>*** Iyi Nama Rusange yashyize umukono ku *Ndangamyitwarire y'imitwe ya politiki n'abayoboke bayo*, yemeza na Raporo y'ibyakozwe mu mwaka w'i 2004; nyuma yemeza na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2005. Iyo Ndangamyitwarire igamije kunganira amategeko n'amabwiriza agenga umurimo wa politiki mu Rwanda, ikanashishikariza Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo kugira umurava, umutimanama n'ubupfura mu nshingano n'ibikorwa byabo bya buri munsi. Ingingo nkuru ziyikubiyemo zijyanye ahanini no gusobanura umutwe wa politiki icyo ari cyo, umuyoboke w'umutwe wa politiki uwo ari we; imyitwarire y'abayobozi b'imitwe ya politiki ndetse n'iy'abayoboke bayo;ibyerekeye imikoranire n'ubufatanye bw'imitwe ya politiki ndetse n'imikoranire yayo n'izindi nzego za Leta. Indangamyitwarire ishyiraho kandi ikerekana n'inshingano za Komisiyo Ndangabupfura y'Ihuriro. Ku byerekeye Gahunda y'ibikorwa 2005, Inama yashimye uburyo iyo gahunda iteguye ndetse n'ibikorwa biteganyijwe, isaba ko ibikorwa byerekeye ubufatanye n'imiryango ya Société civile byagaragara ndetse n'ibyerekeye urubyiruko kugira ngo rwitabire ibitekerezo n'umwuga wa politiki. Ikindi cyemezo cy'Inama ni ugushyiraho akanyamakuru k'Ihuriro kajya gasohoka buri kwezi kakamenyekanisha gahunda n'ibikorwa by'Ihuriro. ▪ ***<u>Inama Rusange yo ku wa 05 Kanama 2005</u>*** Inama Rusange yo ku wa 05 Kanama 2005 yunguranye ibitekerezo ku mikoreshereze y'Inkunga Leta yemereye Imitwe ya politiki ku ngengo y'imari yayo ya 2005. Iyo nkunga

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
	ingana na 30.000.000 Frw, Inama Rusange ikaba yaremeje ko yakoreshwa by'umwihariko mu gushyigikira gahunda z'amahugurwa mu mitwe ya politiki, inasaba ko buri mutwe wa politiki wakwihutira kugeza ku Ihuriro umushinga wayo w'amahugurwa . Hemejwe kandi ko iyo inkunga izatangwa mu byiciro bibiri, icya mbere(18.000.000 Frw) mu itangizwa ry'imishinga, icya kabiri (12.000.000 Frw) igihe Imitwe ya politiki izaba imaze kwerekana uko igice cya mbere cyakoreshejwe. Inama Rusange yo ku wa 05 Kanama 2005 yashyizeho kandi abagize Komisiyo Mbonezabupfura batanu (5) baturutse mu mitwe ya politiki itandukanye, bakaba bafite mandat y'igihe cy'umwaka umwe. Abatowe ni: Hon. MUKABALISA Donatilla, **PL (**Président); 2. Hon. KANZAYIRE Bernadette, **FPR-INKOTANYI** (V/Président); 3. Mr NZINDUKIYIMANA Augustin, **PSD** (Umunyamabanga); 4. Hon. HABINEZA Hamisi, **PDI;** 5. Hon. RUCIBIGANGO J.Baptiste, **PSR** ▪ ***Inama Rusange yo ku wa 16 Ukuboza 2005.*** Inama Rusange yo ku wa 16 Ukuboza 2005 yunguranye ibitekerezo ku bikubiye muri raporo ya Komisiyo ya Sena ku rugendo yakoze isura Imitwe ya Politiki n'Ihuriro muri Kamena 2005; isuzuma umushinga w'itegeko MINALOC yashyikirije Ihuriro ujyanye na zimwe mu ngingo z' Itegeko Ngenga N° 16/2003 ryo ku wa 27/06/2003 rigenga Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki zahinduka mu rwego rw'ivugurura ry'ubuyobozi ritegurwa. Ku bijyanye n'urugendo rwa Komisiyo ya Sena mu Mitwe ya Politiki n'Ihuriro, urwo rugendo rwari rugamije kureba uko Imitwe ya politiki ihagaze n'aho ikorera, kandi niba yubahiriza inshingano zayo zivugwa mu Itegeko Nshinga. Ikindi cyari ukureba gahunda y'inyigisho zihabwa abayoboke bayo ikanubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi. Komisiyo yasanze Imitwe ya politiki yose ikora ku buryo bwubahirije amategeko n'inshingano zayo muri rusange, ndestse inashima imikorere y'Ihuriro. Bimwe mu bibazo Komisiyo yagejejweho n'Imitwe ya politiki ni ibijyanye n'amikoro akiri make mu mitwe ya politiki, bituma idashobora kugira icyicaro ku Ntara zose nk'uko ibyemererwa n'amategeko. Icyifuzo cyabaye ko Leta yakongera inkunga igenera gahunda z'imitwe ya politiki

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
	ku ngengo y'imari yayo ya buri mwaka. Ku bijyanye n' umushinga w'Itegeko MINALOC yashyikirije Ihuriro, Inama Rusange yize ingingo ku yindi. Mu ngingo z'ingezi Inama yasanze zavugururwa hari izijyanye n'icyicaro cy'imitwe ya politiki, umubare w'abasinya kuri sitati n'amategeko ngengamikorere kugira ngo umutwe wa politiki wemerwe, inkunga ya Leta n'isuzumamikorere ry'imitwe ya politiki buri mwaka. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, imyanzuro y'inama yabaye gusaba ko ivigurura ry'itegeko ryakwemeza ko: ☞ Icyicaro cy'Imitwe ya poliki kiri mu rwego rw'Igihugu, urw'Intara n'Umujyi wa Kigali cyakwemerwa no mu rwego rw'Akarere; ☞ Umubare w'abasinya ku nyandiko z'amategeko agenga umutwe wa politiki usaba kwemerwa, uba magana abiri mu gihugu cyose (200), barimo batanu (5) babarurirwa muri buri Karere; ☞ Inkunga Leta itera imitwe ya politiki ijya mu ngengo y'imari ya Leta buri mwaka, ikajya icishwa mu Ihuriro kandi igakoreshwa muri gahunda z'imitwe ya politiki zemewe n'Inama Rusange y'Ihuriro; ☞ isuzumamikorere ry'imitwe ya politiki ryaharirwa inzego zisanzwe zibishinzwe atari ngombwa kongeraho igenzuramikorere rya MINALOC rivugwa mu mushinga wa MINALOC; ☞ iminsi ngombwa yo kuba umutwe wa politiki wamenyekanishije inama yayo cyangwa imyigaragambyo yateguye iba Itanu (5) kandi bikumvikana ko ari ukumenyesha atari ukwaka uruhusa. Kungurana ibitekerezo kuri uyu mushinga byatumye hafatwa kandi n'imyanzuro ya rusange ikurikira: *(i) Buri Mutwe wa politiki wasabwe kubahiriza ibiteganywa n'Itegeko Nshinga, birimo kugira 30% by'imyanya y'abagore mu nzego z'ubuyobozi bw'uwo mutwe wa politiki ;* *(ii) Leta ikwiye gukomeza gutera inkunga Imitwe ya politiki ikabinyuza muri gahunda z'Ihuriro, by'umwihariko muri gahunda zishyigikiye amahugurwa n'ubukangurambaga mu Mitwe ya politiki.*

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
IBIGANIRO BYATEGUWE	Ibiganiro byateguwe bimwe byagiye biba ku munsi w'Inama Rusange ibindi bikagira umunsi wihariye. Umwaka wa 2005 wagize ibiganiro bitandatu (6): ***(1) Kungurana ibitekerezo kuri politiki na gahunda by'u Rwanda mu mikoranire n'Ibigo na Gahunda mpuzamahanga n'ibiteganyijwe nyuma y'ikurwaho ry'umwenda u Rwanda rwari rufitiye amahanga.*** Ikiganiro cyabaye mu nama yo ku itariki ya 06 Gicurasi 2005 gitangwa n'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi akaba n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta Bwana GATETE Claver. Bwana GATETE yasobanuye aho gahunda zo kuzahura ubukungu bw'u Rwanda zigeze n'uko u Rwanda rumaze guhanagurirwaho umwenda rwari rufitiye amahanga ungana miliyali 1.5 y'amadolari y'Abanyamerika. Kungurana ibitekerezo byibanze ku buryo ubwo bushobozi bushya u Rwanda rubonye bwashorwa ahanini mu kurwanya ubukene cyane cyane mu cyaro n'uburyo u Rwanda rubonye bwashorwa ahanini mu kurwanya ubukene cyane cyane mu cyaro n'uburyo u Rwanda rwakomeza kuba intangarugero mu gukorana n'abaterankunga. Imyanzuro y'ikiganiro yabaye ko: *(i) Leta yashyira ubushobozi yongerewe no kuvanirwaho umwenda muri gahunda zo kuzamura by'umwihariko icyaro;* *(ii) Abanyapolitiki bakomeza gushishikarizwa uruhare rwabo mu gukora politiki nziza no gukomeza gushishikariza abaturage ibikorwa by'iterambere no kurwanya ubukene.* ***(2) Kungurana ibitekerezo kuri gahunda yo gukomeza gukumira ingengabitekerezo ya jenoside.*** Ikiganiro cyabaye mu rwego rw'Inama Rusange y'Ihuriro yo ku wa 05 Kanama 2005; gitangwa n'abahagarariye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Bwana J.Baptiste HABYALIMANA, Perezida wayo na Madamu Fatuma NDANGIZA, Umunyamabanga

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
	Ikiganiro cyibanze ku ngengabitekerezo ya jenoside igikomeje kuranga abanyarwanda benshi ndetse n'urubyiruko, bamwe igatuma bahunga igihugu bavuga ko bahunze gutotezwa n'Inkiko Gacaca. Ikiganiro cyanagarutse ku cyizere gike abaturage bagifitiye imitwe ya politiki bakeka ko ariyo igikurura ibitekerezo bya jenoside. Nyuma y'impaka n'ibitekerezo binyuranye imyanzuro y'ikiganiro yabaye ko: *(i) Abantu bagomba gukora ubushakashatsi no gusesengura bihagije ku bivugwa ku mitwe ya politiki n'abanyapolitiki aho kuvuga muri rusange ko aribo babangamira ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda;* *(ii) Ubufatanye hagati y'Ihuriro na Komisiyo bukwiye gukomeza, nibasanga ibivugwa ku banyapolitiki ari impuha zizarwanywa; nibasanga kandi ari ukuri bazafatanyiriza hamwe guhana uwo ari we wese ugihembera ingengabitekerezo ya jenoside cyangwa ubangamira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.* ***(3) Kungurana ibitekerezo kuri Gahunda y'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro - TIG.*** Ikiganiro cyabaye tariki ya 19 Gicurasi 2005 gitangwa na Minisitiri w'Ubutabera Madame MUKABAGWIZA Edda afatanyije n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa TIG, Bwana TWAGIRUMUKIZA Emmanuel. Minisitiri yasobanuriye abahagarariye Imitwe ya Politiki akamaro ndetse n'icyerekezo cya TIG. Iki gihano gitandukanye n'ibindi kuko kigamije kurandura burundu umuco wo kudahana, kunganira gahunda zigamije kumenya ukuri ku byabaye mu gihe cya jenoside no kunga abanyarwanda. Imyanzuro yabaye inama imitwe ya politiki yatanze kugira ngo TIG igere ku ntego zayo: *(i) Kwiga uburyo abazakora imirimo nsimburagifungo bazashyirwa mu mirimo hakurikijwe ubuhanga n'ubumenyi byabo nko gupima imihanda; ibishanga cyangwa imirwanyasuri;* *(ii) Gukora gahunda ya TIG kuburyo ijyana na gahunda rusange y'iterambere ry'Uturere ndetse n'iry'Igihugu; bityo ibikorwa byayo bikazaba ikimenyetso gihoraho mu mateka*

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
	cyerekana amahano yabaye, ndetse n'imbabazi umuryango nyarwanda watanze mu rwego rwo kunga abanyarwanda no gusana Igihugu. *(iii) Gushyiraho uburyo bugaragara bwo gukurikirana imyitwarire y'abakora TIG (système d'évaluation par fiches signalétiques) ndetse bakagira n'umwenda bihariye bambara mu gihe bari mu mirimo yabo;* *(iv) Kwibuka ko hari imirimo isaba ko abayikora bajya mu bwiteganyirize (assurances), kubera impanuka zishobora kubaho bari mu mirimo.* Ku ruhare rw'imitwe ya politiki, yiyemeje gukomeza gusobanurira abanyarwanda n'abayoboke bayo ko TIG ari uburyo abanyarwanda babonye bwo gucyemura ingaruka nyinshi za jenoside, hasubizwa mu buzima busanzwe abakoze ibyaha bakemera gusaba umuryango nyarwanda imbabazi. ***(4) Kungurana ibitekerezo kuri Gahunda yo kuvugurura Inzego z'Ubutegetsi bw'Igihugu.*** Kuganira kuri gahunda y'ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi byatangiye mu gihe cy'amahugurwa agenewe abahagarariye Imitwe ya Politiki aho Minisitiri ushinzwe ubutegetsi bw'Igihugu asanzwe atanga ikiganiro ku bijyanye no kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage. Ikiganiro cyihariye n'Abagize Inama Rusange cyo cyabaye tariki 09 Kanama 2005 kinatumirwamo n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Bwana HABUMUREMYI Pierre Damien. Kibanze kuri gahunda yo kongerera ingufu inzego z'ibanze ndetse kigaruka no ku matora ateganyijwe mu mwaka wa 2006. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, imyanzuro yafashwe n'inama ni: <u>Ku bijyanye n'Inzego z'ubutegetsi zizavugururwa</u>: *(i) Inzego z'imirenge zigomba kongererwa ubushobozi kugira ngo zuzuze inshingano nshya zizahabwa kandi bitume n'abaturage badakora ingendo ndende bajya ku buyobozi ;* *(ii) Mu igabanya ry'Intara n'ihuzwa ry'Uturere n'Imirenge, ibikorwa-remezo, nk'inyubako*

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
	za Leta zimutswemo, zajya zikorerwamo indi mirimo ntizipfushwe ubusa cyangwa ngo zangirike; *(iii) Kugira ngo imyiteguro y'iri vugurura yihutishwe, birasaba ko inzego zose bireba, cyane cyane izizashyiraho amategeko ajyanye naryo, zareba uko zikorana hafi, zikungurana inama n'ibitekerezo, zikamenya intambwe imaze guterwa bityo n'umurimo wo kuvugurura amategeko ya ngombwa ukazihuta.* <u>Ku bireba Imitwe ya Politiki</u> *(i) Imitwe ya Politiki yiyemeje gukomeza gusobanurira abaturage mu rwego rwa politiki , gahunda y'ivugurura ry'Inzego z'Ubutegetsi bw'Igihugu.* *(ii) Imitwe ya politiki yiyemeje gushishikariza abaturage kwitabira igikorwa cyo kwiyandikisha kuri lisiti y'itora ;* *(iii) Imitwe ya Politiki yifuje ko Itegeko rigenga Imitwe ya Politiki rishyiraho icyicaro cy'imitwe ya politiki mu rwego rw'Iguhugu n'Intara naryo ryazavugururwa rikemera ko icyicaro cy'imitwe ya Politiki cyajya no ku rwego rw'Akarere.* ***(5) Kungurana ibitekerezo kuri politiki na gahunda yo kurekura abagororwa harimo n'abakurikiranyweho ibyaha bijyanye na jenoside no ku basubiza mu buzima busanzwe.*** Ikiganiro cyatanzwe n'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Ubutabera Bwana BUSINGE Johnson wagaragaje uburyo icyemezo cyo kurekura abagorwa bemeye icyaha bagasaba n'imbabazi gifitiye akamaro u Rwanda n'abanyarwanda, haba mu rwego rwo gucyemura ibibazo biremereye Igihugu, haba n'uko abafunguwe bazagira uruhare runini mu kuvuga ukuri ku mahano yabaye no gusana Igihugu muri rusange. Imyanzuro y'ikiganiro no kungurana ibitekerezo yabaye ko: *(i) Imitwe ya politiki n'Ihuriro bizagira uruhare mu gikorwa cyo kwigisha abagororwa barekuwe, mu ngando aho bazaba bitegura gusubizwa mu buzima busanzwe;*

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
	(ii) Abayobozi b'Intara bagomba gukangurira abayobozi b'uturere gukoresha inama zo gusobanurira abaturage ibijyanye n'iki gikorwa cyo gufungura abagorowa bireze bakemera icyaha cya jenoside n'akamaro bifitiye Igihugu n'Umuryango nyarwanda muri rusange. ***(6) Kungurana ibitekerezo kuri gahunda zitegurwa mu rwego rw'isuzuma miyoborere APRM/Africa Peer Review Mechanismes, by'umwihariko ibireba uruhare rw'Imitwe ya politiki mu miyoborere myiza ya demokarasi mu Rwanda.*** Iki kiganiro cyateguwe mu rwego Ihuriro rigira mu gutegura no kunoza Raporo y'Igihugu ku bijyanye n'Umugambi wa NEPAD. Cyatanzwe n'Intumwa yihariye ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda muri NEPAD, Bwana GATARE Francis afatanyije n'imboni ya NEPAD mu Bunyamabanga Buhoraho bwa NEPAD mu Rwanda KABANDA Aimable. Ikiganiro cyerekanye amahame y'ingenzi NEPAD igenderaho n'imishinga iteganyijwe mu rwego rwa Porogaramu y'iterambere ry'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika. Ibitekerezo byatanzwe n'abahagarariye imitwe ya politiki byagarutse ku buryo NEPAD yagira ingufu zihagije ndetse n'ukuntu Ibihugu by'akarere aka n'aka bihuriye kuri gahunda imwe byajya bishishikarizwa kugira uruhare rwabyo. Imyanzuro y'inama yabaye ko: ***(****i) Ihuriro n'Imitwe ya Politiki byakomeza kugira uruhare mu kunoza umugambi wa NEPAD na gahunda z'ibikorwa biteganyijwe.* *(ii) Inzego z'ubuyobozi bw'Igihugu zigomba guharanira ko u Rwanda rukomeza gushyira mu bikorwa ibyo rwemeye mu rwego rw'Umugambi wa NEPAD.*

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
2. Kugena no gutegura ibiganiro nkangu-mbaga mu rwego rw'Igihugu, mu bya politiki ishingiye ku mashyaka menshi n'ubwumvikane busesuye.	Muri uyu mwaka wa 2005, gahunda y'ubukangurambaga yateguwe ijyanye n'umushinga wateguwe wo gushyiraho urubuga rw'abagore n'urubyiruko mu bya politikli, bagahura kenshi n'abanyapolitiki, bakaganira kuri politiki n'akamaro kayo mu miyoborere y'igihugu; ikigamijwe ari ugushishikariza abagore n'urubyiruko muri rusange kwitabira ibitekerezo n'umwuga wa politiki Umushinga urateganya ko buri kwezi, amashyirahamwe y'urubyiruko yo mu Mujyi wa Kigali ndetse n'ayo mu cyaro hamwe n'amashuri yisumbuye yajya atumirwa, akagira umubonano wisanzuye n'abanyapolitiki batumiwe, akanasura icyumba cy'ibitabo na Internet by'Ihuriro. Umushinga wateguwe urasaba inkunga hafi 63.000.000 Frw; Ihuriro ryawushyikirje Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Iburayi /UE, rikaba ritegereje igisubizo.
3. Gutegura uburyo Imitwe ya politiki yitabira ibikorwa rusange by'ubuka-ngurambaga n'ubufatanye mu rwego rw'igihugu	Muri uyu mwaka wa 2005 igikorwa cy'ingenzi kuri iyi ngingo cyabaye ibiganiro Ihuriro ryatanze mu ngando zabereye hirya no hino mu gihugu zigenewe abagororwa baregwa ibyaha bya jenoside barekuwe ngo basubizwe mu buzima busanzwe. Ibiganiro byari bigamije gusobanurira abo bagororwa aho politiki igeze mu Gihugu n'inshingano nshya z'Imitwe ya Politiki n'Ihuriro ryayo. Byatanzwe n'abahagarariye Imitwe ya Politiki bafatanyije n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro. Mu biganiro, hagiye habaho guha urubuga abagororwa bagasobanuza ndetse bakabaza n'ibibazo binyuranye, mu bwisanzure. Ibibazo byinshi babajije ni ibibazo by'amatsiko, ibindi bikajyana no kudasobanukirwa n'aho Igihugu kigeze kubera igihe bamaze muri gereza. Muri ibyo bibazo, banagarutse ku mikorere y'Ihuriro na demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi.

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO

Imbonerahamwe y'Ingando intumwa z'Ihuriro zatanzemo ibiganiro

Umutwe wa politiki	Amazina	Aho ingando zabereye	Amatariki
FPR-INKOTANYI	Jennifer WIBABARA	Kigali-ngali (Lilima)	19/08/2005
		Kigali-Ngali(Bicumbi)	23/08/2005
PDI	HABINEZA Hamisi	Kibuye (Birambo)	17/08/2005
		Gikongoro	24/08/2005
PSD	NZINDUKIYIMANA Augustin	Ruhengeri-Lycée APICUR	22/08/2005
		Gisenyi-Collège Inyemeramihigo	23/08/2005
PDC	NDAGIJIMANA Léonard	MUTARA (Nsheke)	19/08/2005
		BYUMBA(Groupe Scolaire de la Salle)	20/08/2005
PSR	MPONGERA Sylvie	TTC Save	Kanama
		ETS Save	Kanama
		GSO de Butare	Kanama
		Collège Christ-Roi	Kanama
	RUCIBIGANGO J.Baptiste	GS Mutendeli/Kigarama	18/08/2005
		ETO Kibungo	19/08/2005
		Kabarondo	19/08/2005
		Kayonza Modern School	21/08/2005
		Rusumo High School	21/08/2005
PSP	MUKAGATARE Vénantie	Remera-Rukoma	15/08/2005
		ES Bulinga	16/08/2005
		ACEJ Karama	17/08/2005
		APECAS Muyunzwe	19/08/2005
Ihuriro	KAYIGEMA Anicet	Cyangugu-Ntendezi	Kanama
		Kigali-Ville (Kicukiro)	Kanama

<table>
<tr><th>IBYARI BITEGANIJWE</th><th>IBYAGEZWEHO</th></tr>
<tr><td>4. Gukomeza no kunoza gahunda y’amahugurwa mu bitekerezo bya politiki, iterambere n’imiyoborere by’umutwe wa politiki</td><td>Gahunda y’amahugurwa mu bya politiki yatangiye mu mwaka wa 2004 yarakomeje.
Umwaka wa 2005 warangiye hahuguwe amatsinda atandatu (6) ni ukuvuga abantu bagera ku 108.
Iyi gahunda Ihuriro riyiterwamo inkunga n’Umuryango w’Ibihugu by’Ubumwe bw’Iburayi/ UE.

Kugeza ubu gahunda igenda neza, inyandiko z’amasomo zaranogejwe ndetse n’ibitabo bya ngombwa bijyanye n’amasomo byarabonetse. Abatanga ibiganiro bubahiriza gahunda kandi n’abahugurwa bagaragaza ubushake n’amatsiko yo kumenya cyangwa gusobanukirwa.

Abakurikira amahugurwa bemeza ko afitiye Imitwe ya Politiki akamaro ndetse n’abayakurikira kuko abongerera ubumenyi, kandi bemeza ko byafashije Imitwe ya Politiki ubwayo gutegura amahugurwa y’ abayoboke bayo.

Ikibazo gikunze kugaruka ni uko bamwe mu baba boherejwe n’Imitwe ya Politiki mu mahugurwa basiba, cyane cyane abagore. Ibi bituma umubare munini w’abamaze guhugurwa ugizwe n’abagabo n’aho abagore benshi batarashoboye kurangiza iminsi itandatu y’amahugurwa iteganyijwe.</td></tr>
<tr><td>5. Gutegura ingendoshuri hagati mu gihugu no hanze</td><td>Ingendoshuri zateguwe uyu mwaka ahanini zabaye iz’abakurikiye amahugurwa mu bya politiki zigamije gutuma abahuguwe basobanukirwa n’amateka y’u Rwanda mu rwego rwa politiki. Yaba amateka ya kera yaba aya vuba.

Kugeza ubu ahamaze gusurwa ni aha hakurikira:
<table>
<tr><th>Amatsinda</th><th>Aho basuye</th><th>Amatariki</th></tr>
<tr><td>Itsinda rya 1 n’irya 2</td><td>Umuhanda Kigali- Gitarama - Butare-Gikongoro: Urutare rwa Kamegeri, Inzu Ndangamurage y’u Rwanda; Urwibutso rwa jenoside ruri i Murambi ku Gikongoro.</td><td>10/05/2005</td></tr>
<tr><td>Itsinda rya 3 n’irya 4</td><td>Umuhanda Kigali - Kibungo - Umutara: Ku Rwibutso rwa jenoside ruri i Mwurire muri Kibungo, Ibigabiro bya Rwabugiri, i Gahini, Urwibutso rwa Kiziguro ruri i Murambi mu Ntara y’Umutara.</td><td>25/8/2005</td></tr>
</table></td></tr>
</table>

<table>
<tr><th>IBYARI BITEGANIJWE</th><th>IBYAGEZWEHO</th></tr>
<tr><td></td><td>
<table>
<tr><td>Itsinda rya 5 n’irya 6</td><td>Umuhanda Kigali - Byumba - Ruhengeri: Ku Irimbi ry’Abami riri i Rutare, Imva y’Umwami Rwabugiri ; i Gatsibo; Umulindi wa Byumba; Amaterasi y’indinganire ari muri Byumba .</td><td>15/12/2005</td></tr>
</table>
Izi ngendo ziyoborwa n’abahanga b’inararibonye mu mateka ya politiki y’u Rwanda. Abari mu rugendo bagenda basobanurirwa bimwe mu bikorwa byaranze ahasuwe, ababikoze n’imyitwarire y’ubuyobozi bw’icyo gihe ndetse bakareba n’ibikorwa by’iterambere bimaze kugerwaho mu turere tunyuranye tw’Igihugu.
</td></tr>
<tr><td>6. Gushyiraho agashami k’ikusanyanyandiko n’iherererekanya makuru.</td><td>Gahunda y’amahugurwa yunganirwa n’ibitabo binyuranye Ihuriro rigenda rigura. Ibyinshi ni ibigaruka ku bumenyi bwa politiki n’imitwe ya politiki muri rusange ndetse no ku mateka ya politiki mu Rwanda, aya kera n’aya vuba.

Icyumba cy’ibitabo cy’Ihuriro ubu cyakira abashakashatsi banyuranye barimo n’abanyeshuri ba za Kaminuza barangiza mu ishami rya Politiki n’ubutegetsi cyangwa ishami ry’amategeko.
Abandi bakunze kwifashisha isomero ry’Ihuriro ni abakozi ba Pariki Nkuru ya Repubulika begeranyaga amakuru kuri jenoside no ku madosiye y’abaregwa. Icyumba cy’ibitabo gifite kandi serivisi ya Internet yorohereza abashakashatsi n’abayoboke b’imitwe ya politiki inyuranye kugera ku makuru mu rwego rwa politiki.

Ikindi gikorwa cy’ingenzi kuri iyi ngingo cyabaye guhugura abashinzwe itangazamakuru b’Imitwe ya Politiki, bakaba barahuguwe ku buryo bwo gushaka no kwandika inkuru ku rwego rwa politiki.

Muri uyu mwaka wa 2005, Itangazamakuru ry’Ihuriro ryateye intera, rishyiraho akanyamakuru k’Ihuriro kitwa “Makuru ki mu Ihuriro ry’Imitwe ya Politiki mu Rwanda”. Mu ikubitiro akanyamakuru kagamije kumenyekanisha ibikorwa by’Ihuriro, byaba ibikorwa by’Ubunyamabanga Nshingwabikorwa, byaba ibikorwa by’imitwe ya politiki binyuranye byemejwe nka gahunda rusange Ihuriro ritera inkunga.
Akanyamakuru gasohoka rimwe mu kwezi, kakandikwa ku mpapuro zisanzwe kagashyirwa no k’urubuga rw’Ihuriro (website: http://www.forumfp.org.rw/ . Uyu mwaka hasohotse nimero ebyiri : N° 001 yo mu Ugushyingo na N° 002 yo mu Ukuboza 2005.</td></tr>
</table>

IBYARI BITEGANIJWE	IBYAGEZWEHO
7. Gushyiraho ubujyanama buhoraho mu bijyanye n'imikorere y'ibanze y'imitwe ya politiki (ubujyanama mu by'amategeko mu icungamutungo ….).	Imishyikirano n'inama Ihuriro rigira Imitwe ya Politiki irigize ni ibihoraho. Uyu mwaka wa 2005, hafi Imitwe ya Politiki yose yagize igihe cyo kugana Ihuriro; ibyaganiriweho ahanini ni ibyerekeye amahame remezo n'amategeko ngengamikorere by'iyo Mitwe ya politiki cyane cyane ku Mitwe ya Politiki yiteguraga gutumira inama z'inzego zayo cyangwa iyari ifitanye ibibazo na bamwe mu bayoboke bayo. Izindi nama zagiriwe imitwe ya Politiki ni izijyane na raporo z'imikoreshereze y'umutungo zigomba gushyikirizwa inzego ziteganywa n'amategeko. Ni no muri urwo rwego rwo gufasha Imitwe ya Politiki gutegura izo raporo neza, Ihuriro ryateguye amahugurwa yihariye ajyanye n'icungamutungo hakoreshejwe ikoranabuhanga. Amahugurwa kuri logiciel ya comptabilité- SAGE yahawe abashinzwe icungamutungo mu mitwe ya politiki ndetse hanateganywa ko imitwe ya politiki ibishatse yakorerwa intallation y'iyo logicel muri computers zayo. Ibindi bibazo byagejejwe ku Ihuriro ni ibyerekeye gutinda kw'ibyemezo bireba Imitwe ya politiki, nka PSP yemewe ariko ikaba itaratangazwa mu Igazeti ya Leta cyangwa Komite nshya za PPC na PSD zitaremerwa ku mugaragaro na Minisiteri ibishinzwe. Hari n'ikibazo cyo gutinda kw'iseswa rya MDR Ihuriro ryaganiriyeho kenshi na MINALOC n'Inzego za Minisitiri w'Intebe. Ku ibyo bibazo byose, imishyikirano Ihuriro ryagiranye n'inzego nkuru za Minisiteri ibishinzwe yatumye bimwe bikemuka ibindi ivuga ko igiye kubyihutisha.
8. Kongera ubushobozi, uburyo n'ingamba zo gukumira no gucyemura amakimbirane mu mitwe ya politiki.	Nyuma y'uko Inama Rusange yemeje ***Indangamyitwarire y'Imitwe ya politiki n'abayoboke bayo***, igikorwa cy'ingenzi muri uyu mwaka 2005 cyabaye icyo gushyiraho Komisiyo mbonezabupfura igizwe n'abantu batanu baturuka mu mitwe ya Politiki inyuranye. Ikindi gikorwa cyatangiye ni ugushyiraho uburyo bunoze kandi bushingiye ku bintu bifatika byakwifashishwa mu gusuzuma imyitwarire y'umutwe wa politiki cyangwa iy'abayoboke bawo. Icyitaweho kindi uyu mwaka muri gahunda y'amahugurwa n'ibiganiro ni uko ingingo nyinshi zagendaga zishimangira uburyo bwo gukumira no gucyemura impaka n'amakimbirane bishingiye ku mateka y'Igihugu .